REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

# ITANGAZO

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye amatora yo gusimbura Abajyanama batakiri mu myanya mu Turere twa: **Burera, Gakenke Rulindo, Huye, Nyamasheke , Rutsiro Bugesera na Ngoma.**

Kwakira kandidatire ni guhera **tariki 27 Ukuboza 2022 kugeza kuya 13 Mutarama 2023.**

**Ushaka gutanga kandidatire** ku mwanya w'Ubujyanama ku rwego rw'Akarere **agomba kuba :**
1° ari Umunyarwanda;
2° afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3° adafite imiziro iteganywa n'Itegeko ngenga rigenga amatora

**Ibaruwa itanga kandidatire yandikirwa Perezida wa Komisiyo ikubiyemo ibi bikurikira**:
1° amazina y'Umukandida;
2° igihe n'aho yavukiye;
3° umurimo akora n'aho aba;
4° umwanya yiyamamariza.
**Iherekezwa na** :
1° fotokopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa ikiyisimbura ,
2° fotokopi y'impamyabumenyi iriho umukono wa Noteri;
3° amafoto abiri (2) magufi y'amabara;
4° icyemezo kigaragaza ko atafunzwe cyangwa yafunzwe, kitarengeje amezi atandatu.

Kandidatire zitangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga (online) kuri E-mail ikurikira: info@nec.gov.rw, cyangwa zikakirirwa ku biro bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu Karere kazaberamo amatora.
ICYITONDERWA : Iri tangazo rirasimbura iryari ryatanzwe tariki 28/12/2022.

Bikorewe i Kigali, kuwa 04/01/2023

**MUNYANEZA Charles**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa
wa Komisiyo y 'Igihugu y'Amatora